Form Approved
OMB Control No: 0920-XXXX
Exp. Date: XX/XX/XXXX

# Marburg symptom monitoring following airport screening
# Weekly  Group - Kinyarwanda
# Text Messages: 2024 Marburg Virus Outbreak

| Distribution Timeline (starting noon ET) | Message from US Public Health | Process steps |
|---|---|---|
| (Day 0) Upon enrollment Sent at noon | Ikigo Gishinzwe Ubuzima muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika: Ikaze! Wakiriye ubu butumwa kuko vuba aha wageze muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika uvuye mu Rwanda, ahagaragaye icyorezo cy'indwara ya Mariburu.<br><br>Icyongereza, subiza "1"<br>Ikinyarwanda, subiza "2" | If no reply, messages continue in English |
| As soon as possible after enrollment message | Genzura ibi bimenyetso by'indwara ya Mariburu kugeza ku minsi 21 NYUMA yo kuva mu Rwanda: umuriro, gutengurwa, kurwara umutwe, kubabara imikaya, gutonda uruheri, kubabara mu gituza, kubabara mu muhogo, iseseme, kuruka, guhitwa. kuva amaraso cyangwa gushishuka uruhu (bidatewe no gukomereka) bishobora kugaragara nyuma mu gihe cy'uburwayi.<br><br>Mu gihe urwaye hari kimwe muri ibi bimenyetso ugaragaza, ihutire kwitandukanya n'abandi maze uhamagare ishami rishinzwe ubuzima ryo mu gace uherereyemo kugira ngo bakugire inama MBERE yo kujya ku kigo nderabuzima. Mu gihe utabashije kubona ishami rishinzwe ubuzima, hamagara muganga. Babwire ko uherutse mu gace kagaragayemo icyorezo cy'indwara ya Mariburu.<br><br>Sura https://www.cdc.gov/marburgtravel kugira ngo ubone amakuru yisumbuyeho.<br>Sura https://www.cste.org/page/EpiOnCall kugira ngo umenyeshe ishami rishinzwe ubuzima. | |
| As soon as possible after "Watch for these symptoms" | Dushingiye ku makuru watanze mu gihe cy'isuzuma ryerekeye ubuzima rusange rikorerwa abinjira mu gihugu ku kibuga cy'indege, tuzakubaza uko ubuzima bwawe buhagaze dukoresheje ubutumwa bugufi buri munsi kugeza iminsi 21 nyuma y'igihe uherukira mu bitaro aho virusi ya Mariburu yakwirakwiriye. Ushishikarijwe | |

Hateganyijwe ko mu gukusanya aya makuru igisubizo kimwe kizajya gitwaa hafi iminota 5, harimo n'igihe cyo gusuzuma amabwiriza, gushakisha amakuru asanzweho, gukusanya, no kubika amakuru akenewe, no kuzuza no gusuzuma ikusanywa ry'amakuru. Ikigo ntigishobora kuyobora cyangwa gutera inkunga, kandi umuntu ntasabwa gusubiza mu ikusanywa ry'amakuru keretse yerekana nomero ya OMB yemewe. Gutanga ibitekerezo bijyanye n'iki kigereranyo cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose kijyanye no gukusanya amakuru, harimo ibitekerezo byo kugabanyiriza izi nshingano CDC, Umukozi Ushinzwe za Raporo, 1600 Clifton Rd., MS H21-8, Atlanta, GA 30333, ATTN: PRA (0920- XXXX).

| | | |
|---|---|---|
| Daily Group | gusubiza ubu butumwa. Mu gihe udasubije, umukozi ushinzwe ubuzima rusange azaguhamagara. | |
| As soon as possible after “Watch for these symptoms”<br><br>Weekly Group | Hashingiye ku makuru watanze mu gihe cy’isuzuma ryerekeye ubuzima rusange rikorerwa abinjira mu gihugu ku kibuga cy’indege, tuzakubaza uko ubuzima bwawe buhagaze dukoresheje ubutumwa bugufi buri cyumweru kugeza iminsi 21 nyuma y’uko ubuye mu Rwanda. Ushishikarijwe gusubiza ubu butumwa. Mu gihe udasubije, umukozi ushinzwe ubuzima rusange azaguhamagara. | |
| Daily or weekly (depending on category given during entry screening) | Iri ni isuzuma ryawe rya [buri cyumweru] ry’ubuzima rusange. Mu gihe udasubije, umukozi ushinzwe ubuzima rusange azaguhamagara.<br><br>**[Buri munsi:] Ku munsi ushize,**<br>**[Icyumweru:] Mu cyumweru gishize,**<br>wigeze kugira umuriro (ungana na 100.4 ° F / 38 ° C cyangwa urenga) cyangwa ukumva ufite umuriro, utengurwa, kurwara umutwe mu buryo bushya cyangwa budasanzwe cyangwa kubabara imikaya, gutonda uduheri, kubabara mu gatuza, kubabara mu muhogo, iseseme, kuruka, cyangwa impiswi?<br>Niba ari yego, subiza “1”<br>Niba ari oya, subiza “2” | If no reply, resend message in one hour.<br>If no final reply, then the HD will get a daily list of nonresponses. |
| If 2, traveler will receive this message | Murakoze ku bw’igisubizo cyanyu Tuzongera kugusuzuma [icyumweru gitaha]. | |
| If 1, traveler will receive this location message plus additional symptom questions below. | Kanda iri huza rya murandasi kugira ngo utange andi makuru. [LINK – Attachment C3a - 2024 Marburg Symptom Monitoring Web Survey_Kinyarwanda]] Umukozi ushinzwe ubuzima rusange azakuvugisha vuba kugira ngo muganire ku bimenyetso byawe kandi aguhe n’inama. | |
| Weekly Monitoring Travelers: On day 21 after leaving Rwanda, traveler will receive this message | Ikigo Gishinzwe Ubuzima muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika: Ni ryo suzuma ry’ubuzima rusange rya nyuma uzakorerwa.<br>Uyu ni umunsi wawe wa nyuma wo gusuzumwa ubuzima rusange hakurikiranwa ibimenyetso bya Mariburu nyuma yo kuva mu Rwanda. Tugushimiye uruhare rwawe mu kwirinda no kurinda abandi.<br><br>Sura [https://www.cdc.gov/marburgtravel](https://www.cdc.gov/marburgtravel) kugira ngo ubone amakuru yisumbuyeho. | |
| Daily | Ikigo Gishinzwe Ubuzima muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika: Ni | |

DRAFT

| | | |
|---|---|---|
| monitoring travelers: 21 days after the day they were last in the HCF with transmission risk | ryo suzuma ry'ubuzima rusange rya nyuma uzakorerwa. Uyu ni munsi wawe wa nyuma wo kwakira ubutumwa bugufi bwo gukurikirana ubuzima ku bimenyetso bya Mariburu. Niba waravuye mu Rwanda mu minsi itarenze 21 ishize, usabwe gukomeza kugenzura ubuzima bwawe kugeza iminsi 21 nyuma yo kuva mu Rwanda irangiye. Tugushimiye uruhare rwawe mu kwirinda no kurinda umuryango mugari wawe.<br><br>Sura https://www.cdc.gov/marburgtravel kugira ngo ubone amakuru yisumbuyeho. | |
| | Ibitekerezo by'Abagenzi | |

DRAFT